Igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora mu Midugudu no muri za Ambasade z'u Rwanda no kwiyimurira cyatatngiye mu mpera z'umwaka wa 2017-2018 cyakomeje mu umwaka wa 2018-2019. Ilisiti y'agateganyo yatangajwe ku itariki ya 02/08/2018, naho ilisiti ntakuka itangazwa ku wa 17/08/2018. Iyo lisiti yari iriho Abanyarwanda bemerewe gutora **7,172,612** nk'uko imbonerahamwe ya 21 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 21: Imibare y'abari ku ilisiti y'itora ntakuka mu Gihugu no mu Mahanga

Intara/Umujyi wa Kigali	Abari ku ilisiti y'itora	Abagabo	%	Abagore	%	Urubyiruko	%
Amajyaruguru	1,195,648	543,986	45	651,662	55	551,405	46
Amajyepfo	1,684,776	750,552	45	934,224	55	746,468	44
Iburasirazuba	1,728,456	793,563	46	934,893	54	773,839	45
Iburengerazuba	1,653,571	741,757	45	911,814	55	778,951	47
Umujyi wa Kigali	863,206	448,021	52	415,185	48	370,017	43
Diaspora	46,955	26,012	55	20,943	45	12,608	27
IGITERANYO	**7,172,612**	**3,303,891**	**46**	**3,868,721**	**54**	**3,233,288**	**45**

Hashingiwe ku mubare w'abaturage bari ku ilisiti y'itora mu matora y'Abadepite yo muri 2013, abanditse ku ilisiti y'itora muri 2018 biyongereyeho **1,219,081** bihwanye na **20.5%**. Abatora kandi biyongereyeho abangana na 2,403,384 bihwanye **50.4%** hagati y'amatora y'Abadepite yo muri 2008 na 2018 nk'uko imbonerahamwe ya 20 ikurikira ibyerekana. Ubwo bwiyongere buterwa cyane cyane n'umubare w'urubyiruko rwiyongera ruba rugejeje igihe cyo gutora (imyaka 18 y'amavuko).

Ubwiyongere kandi bugaragara cyane muri Diaspora aho umubare w'abatora wenda kwikuba kabiri hagati ya 2008 na 2018, hagakurikiraho Intara y'Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali.

Imbonerahamwe ya 22: Ikigereranyo cy'abari ku ilisiti y'itora mu 2008, 2013 na 2018

N°	Intara/ Umujyi wa Kigali	Abari ku ilisiti			Ubwiyongere hagati ya		
		2008	2013	2018	2008-2013 (%)	2013-2018 (%)	2008-2018 %
1	Amajyaruguru	841,559	1,000,116	1,195,648	18.8	19.6	42.1
2	Amajyepfo	1,184,743	1,437,929	1,684,776	21.4	17.2	42.2
3	Iburasirazuba	1,047,825	1,393,560	1,728,456	33.0	24.0	65.0
4	Iburengerazuba	1,133,611	1,394,031	1,653,571	23.0	18.6	45.9
5	Umujyi wa Kigali	544,802	696,381	863,206	27.8	24.0	58.4
6	Mu Mahanga	16,688	31,514	46,955	88.8	49.0	181.4
Igiteranyo		**4,769,228**	**5,953,531**	**7,172,612**	**24.8**	**20.5**	**50.4**

2. Amatora aziguye mu byiciro byihariye

Ilisiti y'abagize Inteko itora Abadepite **24** b'Abagore igizwe n'aba bakurikira:

- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge n'Akarere bigize ifasi y'itora, ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu;
- Abagize Inama Njyanama z'Imirenge n'iz'Uturere bigize ifasi y'itora.

Ilisiti y'abagize Inteko itora Abadepite babiri **2** batorwa mu Rubyiruko igizwe na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere no ku rwego rw'Igihugu.

Ilisiti y'abagize Inteko itora Umudepite utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga igizwe n'aba bakurikira:

- Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere, ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu;
- Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge.

Imbonerahamwe ya 23 ikurikira irerekana imibare y'abari bagize inteko zitora muri ayo matora aziguye kuri buri cyiciro.

Imbonerahamwe ya 23: Ilisiti y'itora mu matora aziguye

INTARA/ UMUJYI WA KIGALI	ABAGIZE INTEKO ITORA ABADEPITE MU BYICIRO BYIHARIYE								
	BOSE	ABAGORE		ABAFITE UBUMUGA			URUBYIRUKO		
		Bose	%	BOSE	GORE		BOSE	GORE	
					Bose	%		Bose	%
AMAJYARUGURU	**24,194**	23,093	95.4	**133**	26	19.5	**257**	107	41.6
AMAJYEPFO	**31,259**	29,829	95.4	**165**	55	33.3			
IBURASIRAZUBA	**33,059**	31,873	96.4	**150**	38	25.3			
IBURENGERAZUBA	**31,537**	30,380	96.3	**153**	38	24.8			
UMUJYI WA KIGALI	**9,654**	9,303	96.4	**67**	19	28.4			
IGITERANYO	**129,703**	**124,478**	**96.0**	**668**	**176**	**26.3**	**257**	**107**	**41.6**

3.2.4.2 Ilisiti y'itora mu matora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze

Mu mwaka wa 2018-2019 hateguwe ilisiti y'itora iriho abaturage **279,023** yakoreshejwe mu matora yo kuzuza mu byumba **691** yabereye mu Mirenge **15** hasimburwa Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Uturere yabaye ku itariki ya 15 Ukuboza 2018. Imbonerahamwe ya 24 ikurikira iragaragaza imibare y'abaturage bari ku ilisiti y'itora mu Mirenge yabereyemo amatora n'umubare w'ibyumba by'itora byakoreshejwe.

Imbonerahamwe ya 24: Abari ku ilisiti y'itora mu gusimbura Abajyanama rusange mu Nama Njyanama z'Uturere n'ibyumba byakoreshejwe

Intara/ Umujyi wa Kigali	Akarere	Umurenge	Umubare w'abaturage	Umubare w'ibyumba
Amajyepfo	Huye	Mbazi	20,796	48
		Rwaniro	13,104	34
	Kamonyi	Nyamiyaga	22,812	46
Amajyaruguru	Gakenke	Gakenke	15,275	46
	Burera	Gatebe	11,915	30
		Rugarama	16,594	36
Iburasirazuba	Rwamagana	Gahengeri	16,635	48
	Kirehe	Gahara	25,374	80
		Kigina	19,019	48
		Musaza	16,332	46
Iburengerazuba	Rubavu	Cyanzarwe	18,745	42
	Ngororero	Muhanda	18,342	41
Umujyi wa Kigali	Gasabo	Nduba	20,178	51
		Jali	17,352	35
	Kicukiro	Masaka	26,550	60
Igiteranyo			**279,023**	**691**

3.2.4.3 Kwireba no kwiyimura ku ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga

Mu mwaka wa 2018-2019 ikoranabuhanga ryafashije abatora kwireba no kwiyimura abari ku ilisiti y'itora cyane cyane mu matora y'Abadepite kandi ubwo buryo bwakomeje gufungurirwa abifuza bose kubwifashisha na nyuma y'amatora. Mu mwaka wa 2018-2019 abaturage **84,509** bashoboye kwiyimura ku ilisiti y'itora hakoreshejwe ubutumwa bugufi kuri telefone (SMS) cyangwa murandasi (internet) harimo **81,454** babukoresheje mu bihe by'amatora y'Abadepite na **3,055** babwifashisha nyuma y'ayo matora.

3.3 GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA

Mu rwego rwo kugeza ku Banyarwanda benshi bashoboka inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, mu mwaka wa 2018-2019 KIA yateguye gahunda y'inyigigisho n'imfashanyigisho kandi itanga amahugurwa n'ibiganiro ku byiciro bitandukanye.

3.3.1 Gutegura gahunda y'inyigisho n'imfashanyigisho

Binyuze mu myiherero 2 y'abashinzwe imitangire y'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, hateguwe kuva tariki 17-19/10/2019 no kuva tariki 22-25/10/2018 ibiganiro ku nsanganyamatsiko 7 zatoranyijwe kugira ngo zifashishwe mu kwigisha abaturage iby'amatora hibandwa ku myiteguro y'amatora y'Abasenateri ateganyijwe muri Nzeri 2019. Ibyo biganiro ni ibi bikurikira:

1. Inshingano n'uruhare rw'Abasenateri mu Iterambere ry'Igihugu;
2. Inshingano n'Uruhare rw'Abagize Komite Mpuzabikorwa z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu gushishikariza Abaturage gahunda z'amatora;
3. Gahunda y'amatora y'Abasenateri 2019;
4. Iby'ingenzi mu Itegeko n'amabwiriza bigenga amatora y'Abasenateri;
5. Inshingano n'imyitwarire by'Abakorerabushake b'amatora;
6. Uruhare rw'Umuturage mu matora n'Imiyoborere myiza;
7. Uruhare rw'Uburinganire bw'Abagore n'Abagabo mu matora.

Nyuma yo gutegurwa, imfashanyigisho zatubuwemo udutabo **13,200** twagenewe abahuguwe bose dukubiyemo ibiganiro 4 bikurikira:

1. Inshingano n'Uruhare rw'Abagize Komite Mpuzabikorwa z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu gushishikariza Abaturage gahunda z'amatora;
2. Inshingano n'uruhare rw'Abasenateri mu buzima bw'Igihugu;
3. Uruhare rw'Uburinganire bw'Abagabo n'Abagore mu matora;
4. Uruhare rw'Umuturage mu matora n'Imiyoborere myiza.

3.3.2 Gutanga amahugurwa n'ibiganiro ku matora y'Abadepite

Mu rwego rw'imyiteguro y'amatora y'Abadepite yakozwe kuva 2-4 Nzeri 2018 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatanze ibiganiro bikangurira ibyiciro bitandukanye by'abaturage iby'ayo matora.

Ibiganiro byibanze ku byiciro bigira uruhare kurusha ibindi mu matora muri rusange n'amatora y'Abadepite by'umwihariko. Bimwe muri ibyo byiciro ni ibi bikurikira:

- Komite Mpuzabikorwa z'uburere mboneragihugu ku matora;
- Inteko z'abaturage;
- Abayobozi mu Nzego z'Ibanze;
- Inzego z'umutekano;
- Inzego z'Urubyiruko;
- Inzego z'Abagore;
- Inzego z'Abantu bafite ubumuga;
- Indorerezi z'amatora;
- Amashyirahamwe n'amakoperative;
- Abanyamakuru.

Uretse ibyiciro byahawe ibiganiro ku matora y'Abadepite byavuzwe haruguru, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatanze amahugurwa yihariye ku byiciro bimwe bigira uruhare rwa hafi mu bikorwa by'amatora. Ingufu zashyizwe ku bazahugura

abandi, abakorerabushake b'amatora na Komite Mpuzabikorwa z'uburere mboneragihugu ku matora hibandwa ku zegereye abaturage ku Tugari n'Imirenge nk'imwe mu ngamba zafashwe zo kugera ku baturage benshi vuba kandi ku buryo bworoshye.

Imbonerahamwe ya 25 ikurikira irerekana imibare y'abahuguwe muri ibyo byiciro.

Imbonerahamwe ya 25: Imibare y'abahuguwe mu byiciro byihariye mu mwaka wa 2019-2020

Nº	ICYICIRO			ABAGOMBAGA GUHUGURWA	ABAHUGUWE				
					BOSE		GORE		GABO
					#	%	#	%	
1	Abahuguye abandi ku rwego rw'Igihugu			72	**57**	79.2	23	40.4	34
2	Abakorerabu-shake b'amatora	Abahuzabikorwa b'amatora ku Mirenge n'Ibiro by'Itora		3,186	**2,989**	93.8	1,191	39.8	1,798
		Abakorerabushake mu Byumba by'Itora n'abasimbura babo		69,858	**69,858**	100	35,208	50.4	34,650
3	Komite Mpuzabikorwa z'uburere mboneragihugu ku matora	AMAJYEPFO	Gisagara	628	**582**	92.7	195	33.5	387
			Huye	784	**682**	87.0	261	38.3	421
			Kamonyi	616	**526**	85.4	192	36.5	334
			Muhanga	648	**616**	95.1	271	44.0	345
			Nyamagabe	940	**851**	90.5	387	45.5	464
			Nyanza	528	**450**	85.2	143	31.8	307
			Nyaruguru	744	**685**	92.1	296	43.2	389
			Ruhango	580	**519**	89.5	188	36.2	331
		IBURENGERA ZUBA	Nyabihu	728	**685**	94.1	197	28.8	488
			Karongi	860	**789**	91.7	235	29.8	554
			Rutsiro	652	**605**	92.8	144	23.8	461
			Rubavu	784	**759**	96.8	198	26.1	561
			Ngororero	740	**680**	91.9	225	33.1	455
			Rusizi	1000	**836**	83.6	339	40.6	497
			Nyamasheke	724	**666**	92.0	241	36.2	425
		UMUJYI WAKIGALI	Gasabo	764	**646**	84.6	246	38.1	400
			Kicukiro	455	**338**	74.3	123	36.4	215
			Nyarugenge	496	**376**	75.8	138	36.7	238
		AMAJYARUGURU	Gicumbi	1,132	**1,048**	92.6	303	28.9	745
			Burera	756	**709**	93.8	223	31.5	486
IGITERANYO				**90,861**	**89,138**	**98.1**	**42,578**	**47.8**	**46,560**

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, amahugurwa ya Komite Mpuzabikorwa z'uburere mboneragihugu ku matora ntabwo yarangiye hose kuko Intara y'Iburasirazuba n'Uturere 3 tw'Intara y'Amajyaruguru (Musanze, Gakenke na Rulindo) ntibashoboye guhugurwa mu mwaka wa 2018-2019. Hateganyijwe ko amahugurwa y'izo Komite azakorwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2019-2020 mbere y'amatora y'Abasenateri kugira ngo zizifashishwe mu gusobanurira abaturage iby'ayo matora.

3.4 KUMENYAKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa byayo, mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize ingufu ku birebana no kugeza ku baturage benshi bashoboka ibijyanye n'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yakozwe kuwa 2-4 Kanama 2018 n'amatora y'Abasenateri ateganyijwe muri Nzeri 2019.

3.4.1 Ikiganiro "Inzira ya Demokarasi"

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye ikiganiro "Inzira ya demokarasi" gihita Kuri Radiyo Rwanda buri wa kabiri w'icyumweru, hatoranywa insanganyamatsiko z'ikiganiro ndetse horoherezwa ku buryo butandukanye impuguke igitunganya.

Ibiganiro byateguwe mu mwaka wa 2018-2019 byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira:

1. Imyiteguro ya nyuma y'amatora y'Abadepite;
2. Imigendekere y'amatora y'Abadepite n'uko abaturage bo mu ngeri zitandukanye bayabonye;
3. Imyitwarire y'abaturage n'abakandida mu matora;
4. Ibyavuye mu matora y'abadepite;
5. Gahunda n'amahugurwa y'uburere mboneragihugu ku matora ku byiciro byihariye harimo aya Komite Mpuzabikorwa z'uburere mboneragihugu ku matora;
6. Amatora yo gusimbura mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye, icyiciro cya mbere;
7. Umwiherero w'akazi w'Abakomiseri n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
8. Amatora yo gusimbura mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye, Icyiciro kabiri;
9. Inama n'abafatanyabikorwa;
10. Imyiteguro y'amatora y'Abasenateri.

3.4.2 Ibiganiro bya "Dusangire Ijambo"

Ku bufatanye na RBA hateguwe ibiganiro 2 bya *"Dusangire Ijambo"* umwanya wo gusobanura uko ibikorwa by'amatora y'Abadepite biteguye n'uko bizagenda.

Ikiganiro cya mbere cyakozwe ku wa 8/07/2018, gisobanurira Abanyarwanda ibirebana n'imyiteguro y'amatora y'Abadepite, hibandwa ku bijyanye no kwakira kandidatire. Ikiganiro cya kabiri cyabaye ku italiki ya 02/09/2018 hasobanurwa imigendekere y'amatora nyirizina y'Abadepite.

3.4.3 Kumenyekanisha binyuze Ikoranabuhanga rigezweho n'imbuga nkoranyambaga

Hateguwe Inkuru zitandukanye zivuga ibikorwa bya KIA zishyirwa kuri Website ya KIA, page ya Facebook na Twitter za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Muri izo nkuru zatangajwe harimo izivuga ku nsanganyamatsiko zikurikira:

1. Amatora y'Abadepite;
2. Amahugurwa y'ibyiciro by'abagira uruhare runini mu matora y'Abadepite ~~kurusha ibindi~~ barimo abagore, urubyiruko, abantu bafite ubumuga, abayobozi mu nzego z'Ibanze, Inzego z'umutekano n'abandi;
3. Inama zitandukanye n'abafatanyabikorwa (Indorerezi z'amatora, Abafatanya bikorwa ba KIA, n'abandi…);
4. Imyiteguro y'amatora y'Abasenateri.

3.4.4 Ubundi buryo bwakoreshejwe

Hifashishijwe inzira z'itumanaho zitandukanye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yamenyekanishije ibikorwa bijyanye n'imyiteguro hamwe n'imigendekere y'amatora.

Muri ibyo bikorwa harimo gahunda y'amatora, inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora n'ibindi. Uburyo bw'ingenzi bwakoresheje ni ubu bukurikira:

- Ibyapa byamamaza ku mihanda;
- Ibitambaro bimanikwa biriho ubutumwa (banners);
- Ibiganiro n'amatangazo kuri radiyo na televiziyo;
- Kwamamaza kuri radiyo na televiziyo (spots);
- Urubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
- Ibiganiro n'Abanyamakuru;
- Ubutumwa bugufi kuri telefone.

3.5 UMUBANO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Mu birebana n'ubufatanye n'izindi nzego, mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa byo gukurikirana amasezerano y'imikoranire n'izindi nzego, gutegura inama n'abafatanyabikorwa, kugira no gutanga ubufasha bwa tekiniki mu matora y'izindi nzego atari mu nshigano za Komisiyo no kwakira abashyitsi baje bayigana.

3.5.1 Amasezerano y'ubufatanye n'ibitangazamakuru bitandukanye

Mu rwego rwo kurushaho gukangurira abaturage ibikorwa by'amatora Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasinye amasezerano y'Ubufatanye n'ibitangazamakuru RBA, Imvaho Nshya , The New Times, Igihe.com. Ishyirwa mu bikorwa

ryakurikiranwe umunsi ku wundi kandi umusaruro wagaragariye ku bwitabire bushimishije mu bikorwa by'amatora, cyane cyane amatora y'Abadepite yakozwe muri Nzeri 2018.

3.5.2 Imikoranire n'itangazamakuru rya Leta mu matora y'Abadepite

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya mbere y'Itegeko No 38/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N°31/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya KIA nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ***"...Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishinzwe gukurikirana ko abakandida bahabwa amahirwe angana mu kwiyamamaza bakoresheje ibitangazamakuru bya Leta..."***

Ni mu urwo rwego mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho impuguke yo gukurikirana uburyo Radio na Televizio by'u Rwanda byatanze umwanya wo kwiyamamaza ku bakandida mu matora y'Abadepite.

Raporo yamurikiwe ku mugararagaro Inzego zinyuranye z'abafatanyabikorwa mu matora harimo Abaterankunga, Abakandida, Inzego zifitanye amasezerano y'ubufatanye na KIA, Itangazamakuru n'Indorerezi z'amatora muri Marriott Hotel tariki 25/10/2018.

Ibyagaragajwe bikemerwa n'impande zose ni uko Itangazamakuru rya Leta ryahaye uburenganzira bungana abakandida bose igihe cyo kwiyamamaza mu matora y'Abadepite. Iyo raporo yaremejwe imaze gukorerwa ubugororangingo.

3.5.3 Kwakira abashyitsi

Mu rwego rwo kwita ku bagana KIA hateguwe ibikoresho bitandukanye byo kwifashishwa kandi

hasurwa ibiro bitandukanye bya KIA bikorera m'Uturere n'Intara (Rubavu, Musanze, Burera, Gakenke na Rulindo) mu rwego rwo kureba uko ababigana bakirwa no kujya inama k'uko byarushaho kunozwa.

Mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasuwe n'abashyitsi bose hamwe **1,147** harimo 1,037 basuye ku mpamvu z'akazi n'abandi 110 bagenzwaga n'impamvu zabo bwite.

Byagaragaye ko abakozi ba KIA batanga serivisi nziza kandi yihuse nk'uko igitabo cy'abashyitsi kibigaragaza (igihe bamara muri serivisi, ibibagenza,...) kandi abenshi muri bo bagenda bishimiye ko ibyabazanye bikemutse.

3.5.4 Umubano n'ubufatanye n'izindi Nzego ziyobora amatora

Mu rwego rw'ubufatanye n'umubano n'izindi nzego ziyobora amatora, mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yitabiriye mu rwego mpuzamahanga ibikorwa bitandukanye byateguwe n'inzego ziyobora amatora n'Imiryango Mpuzamahanga ifite mu nshingano gutezi imbere demokarasi n'imiyoborere myiza nk'uko imbonerahamwe ya 26 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 26: Ubwitabire mu bikorwa by'Inzego Mpuzamahanga mu matora n'Imiryango iteza imbere demokarasi n'imiyoborere myiza

Nº	Abitabiriye	Icyo bakora	Insanganyamatsiko/ Impamvu	Amatariki	IGIHUGU
1	Musekeweya Gloriose	Zone Coordinator - Rubavu	Amahugurwa ya Commonwealth ku iterambere rya demokarasi mu matora muri Africa	8-13/10/18	Nigeria
2	Prof. Kalisa Mbanda	Chairman	Inama y'Inteko rusange y'Inzego ziyobora amatora muri Afurika (AAEA)	5-9/11/18	Ivory Coast
			OIF Information Mission	07-12/04/19	Bénin
			OIF Parliamentary Elections Observation Mission	25- 30/04/19	Bénin
3	Mujawamariya Vestine	Zone Coordinator/ Gakenke - Rulindo	Strategic Workshop on Strengthening the Capacity of the EAC Forum of EMBs	06- 08/03/19	Kenya
4	Mukarurangwa Immaculée	Deputy Executive Secretary	Inama ya RECEF	04-07/06/19	Roumania

3.5.5 Imikoranire n'abafatanyabikorwa mu matora

Mu rwego rw'imikoranire n'abafatanyabikorwa b'amatora, ku busabe bwa Komisiyo y'Igihugu y'Abana (NCC), Komisiyo y'igihugu y'Amatora yakurikirana igikorwa cyo kwinjiza mu mashini y'abana batorewe kuyobora Inzego zabo kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu.

Uruhare rwa KIA muri ubwo bufatanye rwari ugutanga icyumba cyo gukoreramo n'imashini za mudasobwa zo gukoresha, gushaka abakozi ba nyakabyizi bamenyereye imirimo yo kwinjiza ibikenewe mu mashini (data entry) hashingiwe ku basanzwe bakoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'itora ndetse no gukurikirana umunsi ku wundi imigendekere y'igikorwa. Iki gikorwa cyatangiye ku wa 18 Gashyantare 2019 gisozwa ku wa 12 werurwe 2019.

3.6 IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

3.6.1 Imicungire y'abakozi

3.6.1.1 Gushaka abakozi bakenewe no kubashyira mu myanya

Mu mwaka wa 2018-2019, abakozi 4 ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bakurikira basezeye ku mirimo bari bashinshinzwe:

1. Madamu NYIRANEZA Nicole, Logistics Officer;
2. Bwana NIBAGWIRE Déo; Electoral Zone Coordinator/ Rusizi-Nyamasheke;
3. Madamu MUKARUMASHANA Lucie; Electoral Civic Education Program Officer;

4. Bwana MUGISHA Richard; Electoral Zone Coordinator/ Nyagatare-Gatsibo.

Uretse uwo wa nyuma wasezeye mu mpera z'umwaka utarashoboye gusimburwa, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize mu mwanya umukozi ushinzwe ibikoresho (Logistics Officer), Madamu **MUCYOMWIZERE Marie Claire** asimbuye Madamu **NYIRANEZA Nicole** binyuze muri bwa E-recruitment nk'uko biteganywa n'Iteka rya Perezida n°144/01 ryo ku wa 13/04/2017 rigena uburyo bwo gushaka, gushyiraho no gushyira mu myanya abakozi ba Leta; naho ba Bwana **NIBAGWIRE Déo** na **MUGISHA Richard** basimburwa na ba Bwana **RWABUKUMBA J.Claude na MAGEZI Célestin** bari bashinzwe amatora (Election Officers) mu Biro by'Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije.

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere, Zone z'amatora zasubiwemo ku buryo buri Zone igirwa n'Uturere 2 kandi abahuza ibikorwa by'amatora bashyirwa mu myanya ku buryo bukurikira:

Imbonerahamwe ya 27: Ishyirwa mu myanya ry'Abahuzabikorwa b'amatora muri Zone

INTARA N'UMUJYI WA KIGALI	**ZONE Y'AMATORA**	**UMUHUZABIKORWA MURI ZONE**
AMAJYARUGURU	Musanze - Nyabihu	NSHIMYIMANA Swaleh
	Gicumbi - Burera	MUNEZERO Jean Baptiste
	Gakenke - Rulindo	MUJAWAMARIYA Vestine
AMAJYEPFO	Muhanga- Kamonyi	HIGIRO Solange
	Nyanza- Ruhango	KABARE NKUSI Révocat
	Huye- Gisagara	GAKWISI Léonidas
	Nyamagabe- Nyaruguru	KAGABO Sylvestre
IBURASIRAZUBA	Rwamagana- Kayonza	GAHIGI Jean Claude
	Ngoma- Kirehe	MUKABAGIRISHYA Constance
	Nyagatare- Gatsibo	MAGEZI Célestin
IBURENGERAZUBA	Rubavu- Ngororereo	MUSEKEWEYA Gloriose
	Karongi- Rutsiro	MUKESHIMANA Jasson
	Rusizi- Nyamasheke	RWABUKUMBA Jean Claude
UMUJYI WA KIGALI	Kicukiro- Bugesera	UMUTONI Eliane
	Nyarugenge- Gasabo	RUTIKANGA Jean de Dieu

3.6.1.2 Gukora isuzumabushobozi ry'abakozi no gutegura Imihigo

Ingingo ya 11 y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe No 121/03 ryo kuwa 08/09/2010 rishyiraho uburyo bukoreshwa mu isuzumabushobozi n'izamurwa mu ntera ry'abakozi ba Leta iteganywa ko gusinya amasezerano y'imihigo kuri buri mukozi wa Leta bikorwa muri Nyakanga. Iyo ngingo iteganya kandi ko isuzuma ry'imihigo kuri buri mukozi wa Leta riba muri Nyakanga nyuma y'amezi 12 y'akazi abarwa kuva muri Nyakanga kugeza muri Kamena.

Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2018-2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye isuzumabushobozi ry'abakozi bayo mu mwaka wa 2017-2018. Abakozi bose babonye amanota abashyira mu cyiciro cy'Indashyikirwa. Umukozi wabonye amanota menshi yabonye 100%, uwabonye amanota make yabonye 83.50%. Impuzandengo (average) ku bakozi bose yari 91.34%. Nk'uko bigaragara muri raporo abakozi bambere 5 ni aba bakurikira:

1. RUBERANZIZA Jean de Dieu : 100.0%
2. GAKWISI Leonidas : 97.90%
3. UMUTONI Elianne : 97.90%
4. UWIMANA Solange : 96.50%
5. MUKESHIMANA Jasson : 95.60%

Ingingo ya 31 y'Iteka ryavuzwe haruguru iteganya izamurwa mu ntera y'ingazi ntambike (Horizontal Promotion) ry'abakozi nyuma y'imyaka itatu (3). Ni muri urwo rwego abakozi 14 ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bazamuwe mu ntera nk'uko imbonerahamwe ya 28 ikurikira ibyerekana.

Ku birebana n'Imihigo y'umwaka wa 2018-2019, buri mukozi wa KIA yakoze imihigo hakoreshejwe porogaramu y'ikoranabuhanga ya "IPPIS" yashyizweho na MIFOTRA ku Nzego zose za Leta.

Imbonerahamwe ya 28: Abakozi bazamuwe mu ntera

Nº	**Izina**	**Icyo akora**	**Urwego yavuyeho**	**Urwego yagiyeho**
1	MUKARURANGWA Immaculée	Deputy Executive Secretary	F.V	F.VI
2	BUHIGIRO Patrick	HRM Specialist	3.II	3.III
3	IRAMBONA Liberatha	Kigali City Coordinator of Electoral Operations	3.II	3.III
4	KALIMUNDA Djamada	Provincial Coordinator of Electoral Operations/ West	3.II	3.III
5	KANSANGA Olive	Elections Management Specialist	3.III	3.IV
6	KAYIRANGA Frank	Provincial Coordinator of Electoral Operations/ East	3.II	3.III
7	NDUWIMANA Pacifique	Provincial Coordin of Electoral Operations/ South	3.II	3.III
8	BUKASA Moise	Public Relations & Communication Officer	4.III	4.IV
9	RUBERANZIZA Jean de Dieu	Procurement officer	5.III	5.IV
10	RUTATIKA Jean de Dieu	Provincial Coordinator of Electoral Operations	3.II	3.III
11	SHEMA Mike	ICT Director	3.III	3.IV
12	UMUTONI Kalisa	Logistics officer	5.III	5.IV
13	UWIMANA Solange	Accountant	5.III	5.IV
14	YANGENEYE Marie Rose	Secretary	8.III	8.IV

3.6.2 Imicungire y'ingengo y'imari

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yabonye mu mwaka wa 2018-2019 ingengo y'imari yose ingana na **4,280,599,278 Frw** yaturutse mu kigega cya Leta na **187,907,649 Frw** yata nzwe na UNDP. Yakoresheje ingana na **4,220,643,778 Frw** (98.6%) ku ngengo y'imari yatanzwe na Leta na **187,905,932 Frw** (100%) ku yaturutse muri UNDP nk'uko imbonerahamwe ya 29 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 29: Ingengo y'imari KIA yabonye n'uko yakoreshejwe

Ibikorwa	Ingengo y'imari				
	Yemejwe	Yakoreshejwe		Yasigaye	
		Ingano	%	Ingano	%
Ingengo y'imari ya Leta	4,280,599,278	4,220,643,778	98.6	59,955,500	1.4
Imishahara n'Uduhimbazamusyi	1,607,807,968	1,572,162,237	97.8	35,645,731	2.2
Ibikoresho bitaramba no gucapa inyandiko	736,614,909	735,669,438	99.9	945,471	0.1
Ibikoresho biramba	30,500,000	24,348,800	79.8	6,151,200	20.2
Ingendo n'ubutumwa	997,507,224	989,780,789	99.2	7,726,435	0.8
Itumanaho	96,768,139	96,682,151	99.9	85,988	0.1
Kumenyekanisha ibikorwa	170,871,637	170,476,165	99.8	395,472	0.2
Amazi n'umuriro	63,000,000	63,000,000	100.0	0	0.0
Kubungabunga ibikoresho n'inyubako	48,024,052	47,798,052	99.5	226,000	0.5
Umutekano	56,500,000	56,500,000	100.0	0	0.0
Imyambaro y'akazi	166,889,000	166,888,625	100.0	375	0.0
Kugura serivisi	9,060,000	6,742,063	74.4	2,317,937	25.6
Uburere Mboneragihugu	297,056,349	290,595,458	97.8	6,460,891	2.2
Ingengo y'imari ya UNDP	187,907,649	187,905,932	100.0	1,717	0.0
Uburere Mboneragihugu	187,907,649	187,905,932	100.0	1,717	0.0
IGITERANYO	4,468,506,927	4,408,549,710	98.7	59,957,217	1.3

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibyereka ingengo y'imari mu mwaka wa 2018-2019 yakoreshejwe ku gipimo gishimishije cya 98.7%. Amafaranga menshi atarakoreshejwe ni arebana n'uguhimbazamusyi tw'amatora bitewe n'igihe gahunda y'amatora y'Abasenateri yo muri Nzeri 2019 yemerejwe.

3.7 IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

3.7.1 Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

3.7.1.1 Inama z'Abakomiseri

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 10 y'Itegeko N° 31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu. Iyo ngingo iteganya ko ***"Mu gihe cy'amatora rusange, ukwezi kumwe mbere y'amatora, abakomiseri bahagarika akandi kazi bakoraga kugira ngo bakurikirane ibikorwa by'amatora kugeza igihe atangarijwe burundu."*** Ni muri urwo rwego mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018-2019 Inama y'Abakomiseri yakoze mu buryo buhoraho Muri icyo gihe inama z'Abakomiseri zateranye buri gihe zisuzuma kandi zitanga imirongo ngenderwaho mu mikorere ya KIA muri rusange. By'umwihariko Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bayoboye muri icyo gihe ibikorwa byose birebana n'imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Abadepite yakozwe kuva 2-4/09/2018.

Mu bihe bitari iby'amatora, Inama y'Abakomiseri yateranye buri gihe nk'uko biteganywa n'amategeko hakorwa inama 9, hatangwa umurongo w'imikorere kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byagiye bifatwa. Izo nama zateranye ku mataliki ya 09/10; 30/11; 03/12; 04/12 mu mwaka wa 2018 na 19/01; 25/01; 19/03; 19/06 mu mwaka wa 2019.

3.7.1.2 Umwiherero w'Abakomiseri n'Abakozi ba KIA

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hateguwe umwiherero w'akazi w'Abakomiseri n'Abakozi bose ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kuva 03-08/02/2019 mu Karere ka Rubavu. Muri uwo mwiherero haganiriwe ku ngingo zikora ku buzima bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora zikurikira:

1. Isuzumamigendekere rya Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mezi atandatu (06) y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019;
2. Ikoreshwa n'ivugururwa by'ingengo y'imari mu mezi atandatu (06) y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019;
3. Ishyirwamubikorwa rya gahunda y'amasoko mu mezi atandatu (06) y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019;
4. Isuzumamigendekere ry'Imihigo y'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mezi atandatu y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019;
5. Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Umwiherero w'akazi wabereye mu Karere ka Musanze kuva ku wa 23-26/09/2018 ku migendekere y'amatora y'Abadepite;
6. Ishyirwamubikorwa ry'Imyanzuro y'Umwiherero wabereye mu Karere ka Rubavu muri Werurwe 2018;

7. Iby'ingenzi bikubiye mu Itegeko No 31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya KIA no mu Mabwiriza Ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yo ku wa 01/10/2017 n'ibishobora guhindurwa;
8. Umushinga wa Gahunda y'Amatora y'Abasenateri n'ingamba ku ishyirwa mu bikorwa ryawo;
9. Imikorere n'imikoranire y'inzego za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'izindi nzego, imbogamizi n'ingamba;
10. Iterambere rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
11. Ingamba za "Decentralization" y'Ilisiti y'Itora;
12. Raporo ku mitangire y'uduhimbazamusyi tw'Abakorerabushake b'amatora;
13. Iby'ingenzi mu mushinga wa gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019-2020.

Umwiherero wafatiwemo imyanzuro 14, yemezwa n'Inama y'Abakomiseri yo kuwa 29/03/2019. Iyo myanzuro ni iyi ikurikira:

1. Kureba ibyavugururwa mu Itegeko rigenga imiterere n'imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu rwego rwo kubijyanisha n'igihe;
2. Gukora ubushakashatsi buzatuma hamenyekana aho imyumvire y'abaturage igeze ndetse
3. n'ubushobozi bw'abakorerabushake ku bijyanye n'amatora;
4. Gukora isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa rya "2017-2022 Strategic Plan" ya Komisiyo y'Igihugu
5. y'Amatora no kuyihuza na gahunda y'Igihugu ya NST1;
6. Gukusanya imyanya itarimo abayobozi igomba gutorerwa mu nzego z'ibanze no gutegura ingengo y'imari ijyanye n'igikorwa cy'ayo matora;
7. Gukomeza gushyira imbaraga mu gutanga Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora;
8. Guhura kenshi n'inzego zitandukanye mu gihe cyo gutegura amatora mu rwego rwo kunoza
9. imikoranire;
10. Gukora raporo irambuye iherekeza ibikubiye mu mbonerahamwe igaragaza ibyakozwe muri gahunda y'ibikorwa mu mezi atandatu (06) y'umwaka wa 2018-2019 no kugaragaza ibikorwa bisigaje gukorwa mu mezi atandatu y'umwaka wa 2018-2019 bigahuzwa n'ingengo y'imari izakoreshwa yateganyijwe;
11. Gushyira imbaraga mu gikorwa cyo gutunganya "database" y'Abayobozi batowe mu nzego z'ibanze ikazarangira bitarenze Mata 2019;
12. Kunoza uburyo bwo gutegura Imihigo y'abakozi mu rwego rwo kwirinda ibibazo bigaragara mu gihe cyo kuyishyira mu bikorwa;

13. Gukomeza guharanira ko habaho imikoranire myiza mu bayobozi n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu bwuzuzanye n'ubufatanye himakazwa umuco wo guhererekanya amakuru (information and communication) ku gihe;
14. Kongera imbaraga mu gutegurira abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibiganiro bivuga ku buzima bw'Igihugu n'andi mahugurwa anyuranye cyane cyane mu bijyanye no gukoresha ikoranabuhanga;
15. Gushyiraho uburyo bunoze kandi bwihuse bwo gukosora, gutanga ibitekerezo no kwemeza raporo zinyuranye ziba zateguwe mbere yo kuzishyikiriza izindi nzego;
16. Gutegura inyandiko irambuye igaragaza amateka ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, aho yavuye, aho igeze n'aho igana mu rwego rwo kwitegura isabukuru y'imyaka 20 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imazeizaba muri 2020;
17. Kujya hakorwa raporo y'aho imyanzuro yafashwe mu myiherero igeze ishyirwa mu bikorwa buri gihembwe, igashyikirizwa Inama y'Abakomiseri.

3.7.2 Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Mu rwego rwo kunoza imikorere n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inzego z'Ubuyobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu mwaka wa 2018-2019 hakozwe inama z'Ubuyobozi bw'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora buri cyumweru n'inama rusange z'Abakozi, imwe buri gihembwe. Izo nama zaganiriye kandi zifata ibyemezo ku mikorere ya buri munsi ya Komisiyo. Inyandikomvugo z'inama zose zarakozwe, zibikwa neza kandi hashyirwaho uburyo bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe.

3.7.3 Kunoza imikorere n'imikoranire y'Inzego z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

3.7.3.1 Ibirebana n'Igenamigambi

Hashingiwe ku mabwiriza ya MINECOFIN, mu mwaka wa 2018-2019 hibanzwe ku itegurwa ry'igenamigambi ry'umwaka wa 2019-2020 no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018-2019. Hateguwe umushinga wa gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2019-2020 n'ingengo y'imari yawo, hanakorwa isuzumamamigendekere rya gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018-2019.

Ku mushinga wa gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2019-2020 wari wateganyirijwe ingengo y'imari ingana na **4,193,220,642 Frw**, KIA yagenewe ibipimo ntarengwa by'ingengo y'imari (ceilings) ingana na **3,080,599,278 Frw**. Haje gutorwa burundu ingana na **2,951,262,466 Frw**, ni ukuvuga icyuho mu ngengo y'imari kingana na **1,241,958,176 Frw (29.6%)** hagereranyijwe n'iyari yarateguwe mbere n'icyuho cya **129,336,812 Frw (4.2%)** hagereranyijwe na ceiling nk' uko imbonerahamwe ya 30 ikurikira ibyerekana.

Imbonerahamwe ya 30: Ibikorwa bigari bya KIA mu 2019-2020 n'icyuho mu ngengo y'imari

Nº	Ibikorwa bigari	Ingengo y'imari yateguwe	Ingengo y'imari yagenwe na Ceilings		Icyuho hagereranyijwe n'iyari yateguwe		Ingengo yemejwe hagereranyijwe na Ceiling		Icyuho hagereranyijwe na Ceilings	
			#	%	#	%	#	%	#	%
1	Gutegura no kuyobora amatora y'Abasenateri	288,938,192	149,487,174	51.7	139,451,018	48.3	**149,487,174**	100.0	0	0
2	Amatora yo kuzuza	272,855,036	231,962,268	85.0	40,892,768	15.0	**148,010,800**	63.8	83,951,468	36.2
3	Gutegura amatora y'Abunzi	97,815,000	61,255,000	62.6	36,560,000	37.4	**171,994,680**	280.8	-110,739,680	-180.8
4	Kwegereza Abaturage Ilisiti y'itora	635,973,008	444,332,146	69.9	191,640,862	30.1	**314,995,335**	70.9	129,336,811	29.1
5	Gutegura gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora	57,542,952	32,968,732	57.3	24,574,220	42.7	**32,968,732**	100.0	0	0.0
6	Guha ingufu ikoreshwa ry'itumanaho, imenyekanishamakuru n'inzu y'isomero	58,743,380	58,743,380	100.0	0	0.0	**58,563,380**	99.7	180,000	0.3
7	Gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora binyuze mu mahugurwa	1,310,559,188	728,982,892	55.6	581,576,296	44.4	**728,966,392**	100.0	16,500	0.0
8	Gushaka, kubungabunga ibikoresho by'Ikoranabuhanga no kongera ubushobozi mu ikoranabuhanga	196,985,500	157,185,500	79.8	39,800,000	20.2	**157,185,500**	100.0	0	0.0
9	Gushaka ibikoresho na serivisi	417,270,500	382,270,500	91.6	35,000,000	8.4	**382,270,500**	100.0	0	0.0
10	Guteza imbere ibirebana n'Igenamigambi, Ubutegetsi n'Imicungire y'Imari	53,531,768	47,555,568	88.8	5,976,200	11.2	**47,555,568**	100.0	0	0.0
11	Imicungire y'abakozi, Abakomiseri n'imishahara yabo	754,400,618	743,100,618	98.5	11,300,000	1.5	**716,508,905**	96.4	26,591,713	3.6
12	Guteza imbere Umubano n'imikoranire n'Inzego	48,605,500	42,755,500	88.0	5,850,000	12.0	**42,755,500**	100.0	0	0.0
Igiteranyo		**4,193,220,642**	**3,080,599,278**	**73.5**	**1,112,621,364**	**26.5**	**2,951,262,466**	**95.8**	**129,336,812**	**4.2**

P.O Box: 6449 Kigali Tel: (250) 788198819 E-mail: info@nec.gov.rw Website: www.nec.gov.rw

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe ibikorwa byagaragaje icyuho kinini mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020 ni ***amatora yo kuzuza, decentralization y'Ilisiti y'Itora n'ubwiteganyirize bw'abakozi***.

Ku birebana no gukurikira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018-2019, hakozwe isuzumamigendekere ry'amezi 6 (Nyakanga-Ukuboza 2018) mu mwiherero w'akazi wavuzwe haruguru wahuriwemo n'Abakozi n'Abakomiseri ba KIA kuva 03-08/02/2019.

Iryo suzumamigendekere ryagaragaje ibi bikurikira:

1. 74.6% y'ibikorwa byari biteganyijwe byari bimaze gukorwa ku gipimo kiri hejuru ya 80%;
2. 16.4% byari biri hagati ya 50 na 79%;
3. 9% byari munsi ya 50%.

Nyuma y'isuzumamigendekere hafashwe ingamba zo kurushaho kwihutisha ibikorwa cyane cyane ibyari bikiri ku gipimo cyo hasi.

3.7.3.2 Gutegura no gutanga amasoko

Mu mwaka wa 2018/2019, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateganyije **amasoko 23** harimo 9 y'ibikoresho, 1 ryo gusana inzu Komisiyo ikoreramo ku cyicaro gikuru ntendetse no mu Ntara, harimo 3 ya serivisi y'impuguke n'amasoko 9 ya serivisi zitari iz'impuguke. Amasoko yose yaratanzwe amasezerano arasinywa, ashyirwa mu bikorwa ndetse andi akomeje gushyirwa mu bikorwa kubera ko ari ay'igihe gifata ku myaka ibiri y'ingengo y'imari. Imbonerahamwe ya 31 ikurikira iragaragaza amasoko yatanzwe, abayatsindiye n'igiciro yatangiweho.

Imbonerahamwe ya 31: Imicungire y'amasoko mu mwaka wa 2018-2019

No	ISOKO	IGICIRO (FRW)	UWARITSINDIYE	IGIHE
1.	Cleaning services at at NEC field offices	8,328,600	Meja Africa Ltd	1year
2.	Maintenance of NEC HQ and field immovable assets	1,993,400 total unit prices	Actual Services & Supplies Ltd	1year
		92,500 total unit prices	Africa Engineering Company Ltd	1year
3.	Supply of newspapers	3,378,000	Media Distributing Company Ltd	1year
4.	Supply of IT Equipment and software	19,003,800	Alpha Computer Ltd	10days
5.	Printing services	7,181 total unit prices	Duplicator Ltd	1year
6.	The rental of daily cars for transport of NEC staff in City of Kigali	35,524 total unit price	CODACE	1year
7.	Printing and supply of ballot papers and tally sheets	447,405,786	Rwanda Printery Company Ltd	10days
8.	Supply of T-shirts	160,303,625	New Kigali Designers and Outfitters Ltd	60days

No	ISOKO	IGICIRO (FRW)	UWARITSINDIYE	IGIHE
9.	Public awareness (provision of airtime space, Publication in newspapers, online advertisement)	70,266,657 1,470,000 (total unit prices) 2,597,833.6 (total unit prices) 3,120,600	Rwanda Broadcasting Agency Rwanda Printing And Publishing Company Limited The New Times Publications Ltd Igihe Ltd	5months
10.	Hire a consultancy services to enhance it capacities in election management	10,000,000	TIGERSOFT	1year
11.	Hire a national consultant for monitoring public media in Parliamentary elections	15,000,000	SSCOPCO Ltd	50days
12	Conference hall, accommodation and catering services	Unit prices	Motel La Corniche LTD Hotel Saint- Andre Kabgayi Ltd UBWUZU LTD Kanyinya Hills Hotel Ltd Centre d'Accueil Mère du Verbe Ltd Montana Ltd Dereva Hotel Rwamagana Ltd Regina Pacis Center Ltd Nobleza Hotel Ltd Eastland Hotel Ltd La Palme Hotel Ltd Centre Pastoral Notre Dame De Fatima Le Printemps Hotel Ltd Club House La Palisse Ltd Paradise Medal Ltd Dian Fossey-Nyiramacibiri Hotel Ltd Eres Bella Ltd Moriah Hill Resort Ltd Centre Saint Vincent Pallotti Ltd Lenima Ltd Centre Diocesain De Pastorale Incuti (Cdpi) Ltd Alliance Kigali Libre Service Lemigo Hotel Akls Ltd	2years
13	Supply of computer consumables 3rd Quarter	19,917,000	Proxy Company Ltd	30days
14	Supply of office furniture	1,790,000	GSAT Ltd	30days
15	Maintenance of office equipment	1,153,000 frw total unit prices	Keys And Safes Technical Services	1year

No	ISOKO	IGICIRO (FRW)	UWARITSINDIYE	IGIHE
16	Designing and hiring of electronic billboards and sign posts	1,600,000frw per a month	Alpha Media Ltd	1year
17	Insurance of NEC long term movable assets	1,742,063 Frw	SONARWA General Insurance Company Ltd	1year
18	Supply of Banners	11,200 unit price	PAMACO Ltd	1year
19	Decoration and hire of tents	290,800FRW total unit prices	Bigira General Supplies	1year
20	Supply of water and energy tools	1,996,400 total unit price	EKAL Company Ltd	1year
21	Maintenance and support of NEC IT Equipment	12,500,000frw	Infinite Technologies Solutions Ltd	1year
22	TV and Radio production and magazine	Production of Radio and TV spots: 395,000frw Production of an annual NEC activities' Documentary film :1,340,000frw Production of Radio Program of 15 minutes per week: 90,000frw	ISANGO Stars Ltd	1year
23	Supply of beverages and cafeteria services	83,790 total unit prices	KNMG Corporation Ltd	1year

3.7.3.3 Imicungire y'Isomero n'Ubushyinguranyandiko

Mu mwaka wa 2018-2019 hakozwe imirimo itandukanye irimo:

- Gukora ifatabuguzi ry'ibinyamakuru **13**;
- Kuvugurura urutonde rw'inyandiko ziri mu nzu y'isomero, hongerwamo ibitabo bishya: Umwaka wa 2018-2019 warangiye Inzu y'isomero ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irimo ibitabo **1,406** na nimero z'Igazeti ya Leta **5,969**;
- Gutunganya Ubushyinguranyandiko hakusanywa kandi habikwa neza inyandiko z'imyaka ya 2007, 2008, 2009, 2010 na 2011, inyandiko zijyanye n'indorerezi mu matora y'Abadepite 2018 n'ibinyamakuru.

3.8 IBYAGEZWEHO N'INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE

Muri rusange ibikorwa byari biteganyijwe mu mwaka wa 2018-2019 byagezweho ku buryo bushimishije. By'umwihariko imitegurire n'imiyoborere y'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, umutwe w'Abadepite byagenze neza kandi bishimwa na bose. Ibyo byose byashimangiwe n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora zateguwe kandi zikagezwa ku Banyarwanda bose hibandwa ku bagira uruhare rutaziguye mu bikorwa by'amatora.

Kuzuza Inzego zitorerwa zitari zikirimo abayobozi byakozwe mu byiciro 2 mu mwaka wa 2018-2019 uko imyanya yagenda igezwa kuri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Inzego ziteganywa n'amategeko.

Nk'uko byagaragajwe mu buryo burambuye hejuru mu gice kirebana n'imicungire y'imari, ingengo y'imari yose yakoreshejwe mu mwaka wa 2018-2019 ingana na **4,408,549,710 Frw** harimo **187,905,932 Frw** y'inkunga ya UNDP ku ngengo y'imari yose ingana na **4,468,506,927Frw** yemerewe nk'uko imbonerahamwe ya 32 ikurikira ibyerekana hashingiwe kuri porogaramu z'ibikorwa.

Imbonerahamwe ya 32: Incamake y'ingengo y'imari yose yakoreshejwe mu mwaka w 2018-2019

POROGARAMU/ SUPOROGRAMU	INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE		
	LETA Y'U RWANDA	UNDP	IGITERANYO
Ubutegetsi, Imari n'Imirimo ya buri munsi (Administrative and Support Services)	1,126,924,643		1,126,924,643
Imiyoborere y'amatora (Election Preparation and Management)	2,669,289,769		2,669,289,769
Uburere Mboneragihugu ku matora (Civic Education on Election)	424,429,366	187,905,932	612,335,298
IGITERANYO	**4,220,643,778**	**187,905,932**	**4,408,549,710**
%	**95.7**	**4.3**	**100.0**

4. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2019-2020

Mu mwaka wa 2019-2020 hateganyijwe ibikorwa bigari by'ingenzi bikurikira:

1. Gutegura no kuyobora amatora y'abasenateri;
2. Gutegura gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2019-2020 no kuyishyira mu bikorwa;
3. Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze;
4. Gutegura amatora y'Abunzi yo mu mwaka wa 2020;
5. Kwegereza abatora ibikorwa by'ivugurwa ry'ilisiti y'itora;
6. Gutegura igenamigambi ry'umwaka wa 2020-2021.

5. UMUSOZO

Mu mwaka wa 2018-2019 ibyari biteganyijwe byagezweho muri rusange. Icyakwishimirwa kurusha ibindi ni imyiteguro n'imigendekere myiza y'amatora y'Abadepite yakozwe kuva 2-4 Nzeri 2018 n'imyiteguro y'amatora y'Abasenateri yari ateganyijwe muri Nzeri 2019.

Nk'uko biteganywa n'amategeko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora yo gusimbura mu byiciro 2 Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Izihariye batari bakiri mu myanya yabo yagejejweho na MINALOC n'icyiciro kimwe cyo gusimbura abagize Komite y'Abunzi yamenyeshejwe na MINIJUST.

Ibi bikorwa by'amatora byose byashimangiwe n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu rwego rwo gukomeza gukangurira no gusobanurira Abanyarwanda ibirebana n'amatora na demokarasi.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irateganya mu mwaka wa 2019-2020 gukomeza imyiteguro no kuyobora amatora y'Abasenateri, gutegura amatora yo kuzuza Inzego z'Ibanze n'Izihariye, kwegereza abatora ilisiti y'itora no gukomeza gushimangira inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, binyuzae mu mahugurwa n'indi miyoboro y'itumanaho.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira abagize uruhare mu byakozwe mu mwaka wa 2018-2019, by'umwihariko amatora y'Abadepite, ikaba inaboneyeho umwanya wo gukomeza gushishikariza Abanyarwanda bose ibikorwa biteganyijwe mu bihe biri imbere.